



REPUBLIKA Y'U RWANDA



# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

## UKWEZI KWA WERURWE 2019

10 Mata 2019

## **IGIIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA WERURWE 2019**

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejewe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Werurwe 2019. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

### **A. Ibiciro mu mijyi**

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 1,1% mu kwezi gushize kwa Werurwe 2019 ugereranyije na Werurwe 2018. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa kabiri (Gashyantare 2019) ryari ku kigereranyo kingana na 0,8%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 1,1% mu kwezi kwa Werurwe ni ibiciro by'amazu, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 1,1%, ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byazamutseho 6,7% n'ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 7,1%.

Iyo ugereranyije Werurwe 2019 na Werurwe 2018, usanga ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byarazamutseho 1,8%.

Wagereranya ukwezi kwa gatatu (Werurwe 2019) n'ukwezi kwa kabiri (Gashyantare 2019), ibiciro bikiyongeraho 1,1%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 3,4%.

### **B. Ibiciro mu byaro**

Mu kwezi gushize kwa Werurwe 2019, ibiciro mu byaro byiyongereyeho 0,4% ugereranyije na Werurwe 2018. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu byaro mu kwezi kwa kabiri (Gashyantare 2019) ryari ku kigereranyo kingana na -1,3%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 0,4% mu kwezi kwa Werurwe ni ibiciro by'amazu, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 10,6%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa gatatu (Werurwe 2019) n'ukwezi kwa kabiri (Gashyantare 2019) usanga ibiciro byariyongereyeho 3,1%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 6,6%.

### C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi gushize kwa Werurwe 2019 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 0,7% ugereranyije na Werurwe 2018. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa kabiri (Gashyantare 2019) ryari ku kigereranyo kingana na -0,4%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 0,7% mu kwezi kwa Werurwe 2019 ni ibiciro by'amazu, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 6,0%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa gatatu (Werurwe 2019) n'ukwezi kwa kabiri (Gashyantare 2019) ibiciro byiyongereyeho 2,2%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 5,6%.

### Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Werurwe 2018 kugeza muri Werurwe 2019.

Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Werurwe 2018 kugeza muri Werurwe 2019													
<i>ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije</i>													
	2018					2019							
	03	04	05	06	07	08	09	10	11	12	01	02	03
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi	0,9	1,7	3,0	2,9	2,0	2,1	1,2	-0,6	0,1	1,1	1,0	0,8	1,1
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro	-2,9	-1,3	0,9	0,4	-0,3	-0,6	-2,7	-5,4	-1,8	-0,6	-0,4	-1,3	0,4
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda	-1,4	-0,1	1,8	1,4	0,6	0,6	-1,1	-3,4	-1,0	0,1	0,2	-0,4	0,7
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi	0,7	1,3	1,1	-0,9	-1,0	0,4	0,2	-0,6	-0,5	-0,2	0,0	0,3	1,1
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro	1,3	2,4	0,8	-1,7	-0,6	0,6	-0,3	-1,4	-0,6	-1,3	0,0	-0,4	3,1
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda	1,1	1,9	0,9	-1,4	-0,8	0,5	-0,1	-1,0	-0,5	-0,8	0,0	-0,1	2,2

*Isoko: Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda*

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)

Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,

Tel.: (250) 571035 Fax: (250) 570705.

Web site: [www.statistics.gov.rw](http://www.statistics.gov.rw) /CPI Indexes

**Abashinzwe imenyekanisha ry'imibare:**

MURANGWA Yusuf, Umuyobozi mukuru; [yusuf.murangwa@statistics.gov.rw](mailto:yusuf.murangwa@statistics.gov.rw),

MURENZI Ivan, Umuyobozi mukuru wungirije; [ivan.murenzi@statistics.gov.rw](mailto:ivan.murenzi@statistics.gov.rw),

MWIZERWA J.Claude, Umuyobozi w'agateganyo w'agashami k'imibare  
y'ubukungu; [claudemwizerwa@statistics.gov.rw](mailto:claudemwizerwa@statistics.gov.rw),

MUTETIJABIRO Lucie, Umukozi uhagarariye imibare y'ibiciro;  
[luciemutetijabiro@statistics.gov.rw](mailto:luciemutetijabiro@statistics.gov.rw)